Umwaka wa 44 n°8
15 Mata 2005

Year 44 n° 8
15 April 2005

44ème Année n° 8
15 avril 2005

KIGALI-RWANDA
LIBRARY

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda	Official Gazette of the Republic of Rwanda	Journal Officiel de la République du Rwanda

TABLE DES MATIERES

Itegeko Ngenga nº 05/2005 ryo ku wa 14/04/2005 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu yigenga ishinzwe kwegeranya ibimenyetso bigaragaza uruhare rwa leta y'ubufaransa muri jenoside yabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994. 3

Umutwe wa mbere:Ibyerekeye ishyirwaho inshingano n'imimerere bya Komisiyo……4

Umutwe wa II: Ibyerekeye ishyirwaho ry'abagize Komisiyo n'imikoranire yabo 5

Umutwe Umutwe wa III: Ibyerekeye ubufatanye n'izindi nNzego 7

Umutwe wa IV : Ingingo zisoza.....7

ITEGEKO NGENGA Nº 05/2005 RYO KU WA 14/04/2005 RISHYIRAHO KOMISIYO Y'IGIHUGU YIGENGA ISHINZWE KWEGERANYA IBIMENYETSO BIGARAGAZA URUHARE RWA LETA Y'UBUFARANSA MURI JENOSIDE YABAYE MU RWANDA MU MWAKA WA 1994.

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO INSHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

Inteko Ishinga Amategeko:

U mutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 4 Mata 2005;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa mbere Werurwe 2005;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane ingingo yaryo, iya 62, iya 88 iya 90, iya 108, iya 118 iya 176, n'iya 201

Ishingiye ku masezerano mpuzamahanga yo kuwa 9 Ukuboza 1948 yerekeranye no gukumira no guhana icyaha cya jenoside;

Ishingiye: ku masezerano mpuzamahanga yakorewe i Genève kuwa: 12 Kanama 1949 yerekeranye no kurengera abasiviri mu gihe cy'intambara nk'uko yemewe na Leta y'u Rwanda yo kuwa 5 Gicurasi 1964 n'andi masezerano y'imigereka;

Imaze kubona ko icyaha cya jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu byakozwe mu Rwanda hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994

Imaze kubona ko Umuryango w"Abibumbye wemeye jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu byabaye mu Rwanda ukanashyiraho Urukiko Mpuzamahanga rwa Arusha rwashyiriweho gukurikirana no guhana abakoze bene ibyo byaha byakozwe hagati y'itariki ya mbere Mutarama n'iya 31 Ukuboza 1994;

Imaze kubona ko Leta y'u Rwanda yateguye kandi igashyira mu bikorwa jenoside yabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994 yatewe inkunga n'amahanga cyane cyane Leta y'Ubufaransa;

Imaze kubona ko abagize uruhare muri jenoside yabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994 bakurikiranwa n'inzego z'Ubutabera zo mu Rwanda, zo mu.bindi bihugu n'iz'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda ruri Arusha muri Tanzaniya

Imaze kubona ko n' ubwo Leta y'Ubufaransa yagize urahare mu gutegura no;. Gushyira mu bikorwa jenoside yabaye mu mwaka wa 1994 nta rwego rurashyira ahagaragara ibimenyetso by'urwo ruhare;

Imaze kubona ko ari ngombwa ko uruhare rwa Leta Leta y'Ubufaransa mu gutegura no gushyira mu bikorwa: jenoside yabaye mu rwanda mu mwaka wa 1994 rushyirwa ahagaragara;

YBMEJE:

UMUTWE WA MBERE: IBYEREKEYE ISHYIRWAHO INSHINGANO N'IMITERERE BYA KOMISIYO

Ingingo ya mbere:

Hashyizweho Komisiyo y'Igihugu yigenga ishinzwe kwegeranya ibimenyetso bigaragaza uruhare rwa Leta. y'UBUFARANSA mu gutegura no gushyira mu bikorwa jenoside yabaye mu Rwanda, mu mwaka wa ; 1994, yiswe''Komisiyo" mu ngingo zikurikira.

Ingingo ya 2:

Komisiyo ishyiriweho igihe cy'amezi atandatu. Icyo gihe gishobora kongerwa hakoreshejwe Iteka rya Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 3:

Icyicaro cya Komisiyo kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda:

Ingingo ya 4:

Komisiyo igizwe n'abantu.barindwi: (7), barimo Perezida, Visi-Perezida n'umunyamabanga, bashyirwaho kubera ubuhanga n'ubushishozi bwabo hatitawe ku bwenegihugu bwabo. Komisiyo ihabwa kandi abahanga n'abandi bakozi bunganira abayigize mu mirimo yabo.

Ingingo ya 5:

Muri rusange Komisiyo ishinzwe kugaragaza uruhare rwa Leta y'Ubufaransa mu gutegura no gushyira mu bikorwa jenoside, yabaye,mu Rwanda mu mwaka wa 1994:

By'umwihariko, Komisiyo ifite inshingano zikurikira:

1° kwegeranya no gusuzuma inyandiko, ubuhamya n'ibindi bimenyetso ku bikorwa bifatika byo mu rwego rwa politiki, urwa dipolomasi, urw'itangazamakuru, n'urwa gisilikari n'ibindi byakozwe na Leta y'Ubufaransa cyangwa imyitwarire yayiranze byari bigamije gufasha Leta y'u Rwanda kugeza muri Nyakanga 1994 mu mugambi wo gutegura no gushyira mu bikorwa jenoside yabaye mu Rwanda;

2° kwegeranya ibimenyetso bigaragaza uruhare rwa Leta y'Ubufaransa yagize ikoresheje ingabo zayo zari mu Rwanda mu gihe cya jenoside yabaye mu Rwanda zitatabaye abakorerwaga jenoside; .

3° kwegeranya no gusuzuma inyandiko, ubuhamya n'ibindi bimenyetso bigaragaza uruhare Leta y'Ubufaransa yakomeje kugira nyuma ya jenoside yabaye mu Rwanda mu rwego rwo gufasha abayiteguye n'abayishyize mu bikorwa ngo bashobore kuyikomeza cyangwa badakurikiranwa n'Ubutabera;

4° kwegeranya no gusuzuma inyandiko, ubuhamya n'ibindi bimenyetso. bigaragaza.uruhare Leta y'Ubufaransa yakomeje kugira nyuma ya jenoside mu rwego rwo guhakana cyangwa gupfobya jenoside yabaye mu Rwaoda mu mwaka wa 1994;

5° kwegeranya no gusuzuma inyandiko; ubuhamya n'ibindi bimenyetso bigaragaza uruhare Leta y'Ubufaransa yagize mu rwego rwo gutambamira uburenganzira bw'Abanyarwanda barimo abacitse ku icumu, imfubyi, abapfakazi n'abantu bafite ubumuga bazahajwe na jenoside yabaye mu Rwanda mu mwaka wa 1994, irwanya Leta y'u Rwanda yiyemeje kurwanya jenoside;

6° gucukumbura ibimenyetso bijyanye n'amafaranga Leta y'Ubufaransa yatanze akagurwa intwaro zahawe interahamwe n'abantu bahoze ari ingabo z'u Rwanda (ex-FAR) n'ayo kubatoza ;

7° gushyikiriza Perezida wa Repubulika raporo y'imirimo yakozwe kandi igaragaza igikwiye gukorwa, Umutwe wa Sena, Umutwe w'Abadepite, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga bakagenerwa kopi.

8° gushyikiriza Perezida wa Repubulika raporo y'imirimo yakozwe kandi igaragaza "igikwiye gukorwa, Umutwe wa Sena, Umutwe w'Abadepite, Guverihoma n'Urukiko rw'Ikirenga bakagenerwa kopi.

UMUTWE WA II: IBYEREKEYE ISHYIRWAHO RY'ABAGIZE KOMISIYO N'IMIKORERE YABO

Ingingo ya 6:

Abagize Komisiyo bashyirwaho n'iteka rya Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 7:

Abagize Komisiyo bafite manda y'amezi atandatu (6). !yo manda ishobora kongerwa hakoreshejwe Iteka rya Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 8:

Imirimo yo kuba umwe mu bagize Komisiyo ntibangikanywa n'undi murimo uhemberwa. Abagize Komisiyo bahagaritse akazi ka Leta y'u Rwanda bagumana uburenganzira bwo kuzamurwa mu ntera n'igihe bakoze kikabarwa mu burambe mu rwego rw'umurimo bari barimo. Basubira mu kazi ka Leta iyo barangije imirimo ya Komisiyo.

Ibigenerwa abagize Komisiyo bishyirwaho n'Iteka rya Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 9:

Komisiyo ishyiraho itegeko ngengamikorere ryayo.

Ingingo ya 10:

Komisiyo itegura umushinga w'ingengo y'imari yayo kandi amafaranga ikoresha aturuka ku ngengo y'imari isanzwe ya Leta..

Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta agenzura imikoreshereze y'imari ya Komisiyo

Ingingo ya 11:

Umurimo wo kuba umwe mu bagize Komisiyo urangira iyo:

1° apfuye;

2° asezerewe manda itarangiye;

3° Yeguye;

4° manda irangiye ntiyongerwe;

5° arangije manda y'uwo yasimbuye ntiyongerwe;

6° Komisiyo isheshwe.

Gusezererwa manda itarangiye bikorwa n'Iteka rya Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 12:

Iyo umwe mu bagize Komisiyo apfuye, yeguye cyangwa asezerewe, asimburwa hitawe ku biteganijwe n'iri tegeko ngenga: Usimbuye arangiza manda y'uwo asimbuye.

UMUTWE WA III: IBYEREKEYE UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

Ingingo ya 13:

Komisiyo igirana ubufatane n'inzego z'Igihugu n'abenegihugu, inzego z'ibindi bihugu,imiryango mpuzamahanga, imiryango itegamiye kuri Leta n'abanyamahanga kugira ngo irangize inshingano zayo.

UMUTWE WA IV : INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 14:

Iri tegeko ngenga ritangira umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 14/04/2005

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco na Siporo
HABINEWZA Joseph
(sé)

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Biyonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Republika:

Minisitiri w'Ubutabaera
MUKABAGWIZA Edda